29ème ANNEE N° 18
15 septembre 1990.

UMWAKA WA 29 N° 18
15 Nzeri 1990.

JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE

IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

SOMMAIRE

N°, date et objet — page

A. — LOIS.

N° 31/90 du 28 mai 1990.
Loi portant approbation et ratification de la résolution n° 425 relative à l'augmentation générale du capital de la Banque Internationale pour la Reconstruction et le Développement (BIRD), adopté le 27 avril 1988 à Washington par le Conseil des gouverneurs 1017

B. — ARRETES PRESIDENTIELS.

EXTRAITS 1019

C. — ARRETES MINISTERIELS.

EXTRAITS 1024

D. — SOCIETES COMMERCIALES.

RWANDA AUTOPARTS :
Bilan et soldes caractéristiques de gestion au 31 décembre 1988 1025

SOMECA-RWANDA :
Procès-verbal de l'Assemblée générale extraordinaire du 6 décembre 1989 1025
Statuts 1027

SITEC, S.A.R.L. :
Statuts 1036

IBIRIMO

N°, itariki n'ibirimo — Urupapuro rwa

A. — AMATEGEKO.

N° 31/90 ryo kuwa 28 Gicurasi 1990.
Itegeko ryemeza kandi rihamya burundu icyemezo n° 425 cyerekeye kongera imarishingiro ya Banki y'isi yose cyafatiwe i Washingitoni kuwa 27 Mata 1988 mu nama y'abayobozi ya Banki y'isi yose 1017

B. — AMATEKA YA PEREZIDA.

C. — AMATEKA YA BA MINISITIRI.

F. — ASSOCIATIONS SANS BUT LUCRATIF.

G. — DIVERS.

INGINGO Z'INGENZI MU RUBANZA Nº RC 224/79 RWACIWE KUWA 21 UGUSHYINGO 1979 N'URUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA GISENYI, URUGEREKO RWA KABIRI RWA KABAYA.

Urega: KALIMUNDA Gérard, mwene MUHAKWA (V) na MBABALIYE (+), Komini y'Umujyi ya Nyarugenge, Perefegitura ya Kigali, utuye i Kigali, umugabo ufite imyaka 51 y'amavuko, akaba yarashakanye na MUKASHARANGABO, bafitanye abana batanu, umuhutu w'abazigaba, umucuruzi, ntarafungwa.

Uregwa: MUKASHARANGABO, mwene RUTETURURA (+) na NSHAKIRAHE (+), utuye i Shaba, Komini Kivu, Perefegitura ya Gikongoro.

IKIREGWA: Ubutane.

URUKIKO,

« Rwemeje kwakira no gusuzuma ikirego cya KALIMUNDA kuko yagishyikirije urukiko ku buryo bukurikije amategeko kandi ko gifite ishingiro;

Rwemeje ko MUKASHARANGABO yabonye impapuro zose zimuhamagara kwitaba uru rukiko nyamara ntiyitaba kandi yarasinyeho ko azibonye, bityo, rero akaba yarakozwe n'ikimwaro cy'uko yigize indaya kandi yari afite umugabo w'isezerano;

Rwemeje ko KALIMUNDA Gérard yemerewe UBUTANE n'umugore yahoze atunze witwa MUKASHARANGABO, ndetse guhera igihe uru rubanza ruzaba rumaze gusomwa mu ruhame rwa benshi mu rukiko rwa mbere rw'iremezo, urugereko rwa kabiri rwa Kabaya;

Rwemeje ko guhera uru rubanza rukimara gusomwa, umugore witwa MUKASHARANGABO ahanaguwe ku mugabo KALIMUNDA kuko yamutaye akajya kwibera indaya, ariko bitewe n'uko KALIMUNDA nawe yiyemeje gushaka atabanje gutandukana n'umugore we wa mbere binyujijwe mu nkiko zibigenewe, niyo mpamvu KALIMUNDA ariwe utegetswe gutanga amagarama yose y'uru rubanza;

Rukijijwe ko MUKASHARANGABO atsinzwe no kwigira indaya, agasiga umugabo we w'isezerano;

Rutegetse KALIMUNDA Gérard gutanga amafaranga 560 y'amagarama, ahereye kuri 500 yaregesheje, asigaye uko ari 60 atayatanga akimara gusomerwa, agafungwa umunsi umwe akava mu bye ku ngufu za Leta;

Ni uko rukijijwe mu rukiko rwa mbere rw'iremezo, urugereko rwa kabiri rwa Kabaya, ruri ku Kabaya tariki ya 21 Ugushyingo 1979; rurimo abacamanza Juge GATABAZI Gérard, Juge NZABAHABWA Alexis, visi perezida BAREBERAHO Aloys, umushinjacyaha NSEKANABANGA François Xavier n'umwanditsi NIYIGENA Juliette.

Rusomwa kuwa 4 Ukoboza 1979 hari KALIMUNDA gusa ».

/NFX/

REPUBLIQUE RWANDAISE
PARQUET DE LA REPUBLIQUE
S/BRIGADE JUDICIAIRE
KABAYA.-

Kabaya, kuwa 25 Gicurasi 1980

Nº 0139/D.44/c/NFX

Impamvu: Imikilize y'urubanza RC 224/79.

Bwana Bourgmestre wa Komini SATINSYI.

Bwana Bourgmestre,

Nkulikije ko Kalimunda Gérard yareze umugore Mukasharangabo ubutane ikirego cye kikandikwa ku nº RC 224/79;

Nkulikije ko urwo rubanza Kalimunda yarutsinze urukiko rukamwemerera ubutane yashakaga;

Nkulikije ingingo ya 148 yo mu gitabo cy'amategeko y'imboneza-mubano ivuga ko imikilize y'urubanza rukisubiweho rwemeza ubutane igomba kwandikwa muli "registre de l'état civil" y'aho ababa bemerewe ubutane bashyingiliwe;

(*) Nkulikije ko urwo rubanza rutagishoboye kujuliirwa kuko kuva aho rukiliijwe kandi ababuranyi barumenyesherejwe(Kalimunda yarumenyeshejwe kuwa 24/12/79 naho Mukasharangabo kuwa 5/2/80 nubwo yanze gusinya) igihe cyo gutanga ubujulire cyateganyijwe n'amategeko cyarenze,

Nkulikije ko Kalimunda na Mukasharangabo bashyingiliwe mu Rukiko rwa Chefferie ya Ngolorero muli 1951 nkuko byasobanuwe na Kalimunda mu iburana lye, aho hantu hakaba ali muli Komini muyobora ubu,

Kugirango ibivugwa muli ya ngingo ya 148 navuze haruguru byubahilizwe,

Ndakumenyesha ko urukiko rwa Mbere rw'Iremeza Urugereko rwa Kabhili rwa Kabaya, rwakijije urubanza rwa Kalimunda na Mukasharangabo kuwa 21/11/1979 kuli ubu buryo:

- Kalimunda yemerewe UBUTANE yaregeye umugore we yahoze atunze Mukasharangabo,
- Kuva urubanza rukimara gusomwa Mukasharangabo agomba guhenagurwa ku mugabo Kalimunda.
- Rutegetse Kalimunda gutanga amafaranga 560 y'amagarama kuko yashatse undi mugore ataratandukana n'uwa mbere bicíye mu Nkiko.

L'OFFICIER DU MINISTERE PUBLIC
CHEF DE S/BRIGADE JUDICIAIRE
NSENGANABANGA François Xavier.